**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Rwamagana, kuwa 09 /04/2018

**NO**. 04/057/Ac/2018

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA RWAMAGANA**
**Email** rwamaganadistrict@gmail.com.
**Njyanamarwamagana@googlegroups.com>**
**BP 24 Rwamagana**

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
**Rwamagana**

**Impamyu** : Ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana y'igihembwe cya gatatu 2018.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa mbohereza ku mugereka, Ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Rwamagana y'igihembwe cya gatatu yateranye ku itariki ya 04/04/2018 mu cyumba cy'inama cy'Intara y'Iburasirazuba i Rwamagana.

Tubashimiye uburyo mubyakiriye.

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**KABAGAMBA Wilson**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana

**IBYEMEZOBY'INAMA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RWAMAGANA Y'IGIHEMBWE CYA GATATU YATERANYE KUWA 04/04/2018**

Ku wa gatatu taliki ya 04/04/2018 mu cyumba cy'Inama cy'Intara y'Iburasirazuba i Rwamagana habereye inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Rwamagana y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2017/2018. Inama yatangiye i saa tatu n'iminota cumi n'itanu za mu gitondo (9h15) iyobowe na Nyakubahwa Perezida w'Inama Njyanama Bwana **KABAGAMBA Wilson.**

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Kwakira indahiro y'umujyanama mushya uhagarariye urwegorw'abikorera (PSF) mu Nama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana no kwemeza uzasimbura MUKAMAKUZA Therese mu Nama y'ubuyobozi bw'ibitaro.
2. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 19/01/2018
3. Kurebera hamwe raporo ivunaguye y'abajyanama babiri ( umwe wo mu cyiciro cyihariye n'umwe mu bajyanama rusange) kubyagezweho hibandwa ku mbogamizi kubitaragezweho;
4. Kurebera hamwe raporo z'igihembwe no kuzemeza :
   a) Biro y'Inama Njyanama
   b) Komisiyo zose
   c) Komite ngenzuzi
   d) Imikoreshereze y'Ingengo y'Imali y'Akarere
5. Ibintu n'ibindi:
   a) Gahunda irambuye y'icyumweru cy'icyunamo
   b) Kwibukiranya bimwe mu byavuzweho mu mwiherero w'abayobozi b'inzego z'ibanze uheruka.

Kubijyanye n'ubwitabire bw'inama y'Inama Njyanama, abajyanama bitabiriye ku buryo bukurikira;

- Abajyanama bitabiriye inama y'Inama Njyanama ari27 ku gihe hakaba harasibye umwe(1) ku mpamvu zizwi.

Uko inama yagenze:

Vice Perezidante w'Inama Njyanama yasomye inyandikomvugo y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 19/01/2018, Abajyanama bahawe umwanya wo kuyunguranaho ibitekerezo no kuyikorera ubugororangingo bafata icyemezo gikurikira:

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Icyemezo No 166/2018**

***Abagize Inama Njyanama bamaze gusesengura no gukora ubugororangingo kuri iyo nyandikomvugo barayemeje.***

Inama Njyanama imaze kugezwaho Inyandikomvugo z'Inama zakozwe na Biro, amakomisiyo na Komite Ngenzuzi by'Inama Njyanama mu mezi atatu ashize, Abajyanama bagiye basesengura ingingo kuyindi zikubiye muri izo nyandikomvugo barazumva, banazikorera ubugororangingo, Inama Njyanama ifata ibyemezo bikurikira:

Inama Njyanama imaze kumva no gusobanurirwa ko umuturage ariwe Zacharie GASANA wari waratanze amazu akoreramo poste de sante ya Mutamwa ku masezerano yo gutiza hanyuma ubu akaba asaba ko ayo masezerano yahindurwa akajya ahabwa ubukode bw'amazu ye, mu rwego rwo kubahiriza politike ya leta yo kwegereza abaturage serivise z'ubuzima hafashwe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo No 167/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yavugurura amasezerano yari yaragiranye na Bwana Zacharie GASANA nk'uko yabyifuje, hakumvikanwa igiciro cy'ubukode mu gihe hategerejwe ko ivuriro ribona aho rikorera handi, ibyo bigakorwa bitarenze ukwezi kwa Mata 2018 kandi hubahirijwe amategeko.*

Hashingiwe ku igenzura ryakozwe n'abajyanama bagize komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage kuwa 15/2/2018 igasanga hari abayobozi b'Imirenge n'abashinzwe uburezi mu mirenge badakurikirana uko bikwiye imikorere y'ibigo by'amashuri muri rusange hafashwe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 168/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yashyiraho uburyo bwo gukora igenzura ryimbitse mu bigo by'amashuri (Imyigire, isuku, imiyoborere, n'ibindi) muri buri kigo buri gihembwe bigatangirwa raporo, ku kigo hagasigara kopi kandi hakagaragazwa ingamba zafashwe mu gukosora ibitagenda mu gihe byagaragaye, bigakorwa guhera Gicurasi 2018.*

Inama Njyanama ishingiye kuri raporo y'imitsindire y'abanyeshuri basoza ibyiciro by'amashuri abanza n'ayisumbuye igaragaza ko bimwe mu bigo abanyeshuri bahiga batsindwa cyane kandi imirenge (SEOs) ikaba idashyiraho ingamba zihamye zo kuzamura ireme ry'uburezi, kandi mu

rwego rwo kumenyereza abanyeshuri umuco wo guhiganwa no kumenyera ibizamini, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo No 169/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yajya ikurikirana ishami ry'uburezi mu Akarere hagategurwa ibizamini by'igerageza ku mashuri abanza n'ayisumbuye mu gihembwe hagati no mu mpera z'igihembwe (mid and end term tests), ibi bikajya bitangirwa raporo y'amanota avuye mu igerageza (tests) agashingirwaho mukunoza ibitagenda neza.*

Hashingiwe ku igenzura abajyanama bagize komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage bakoze kuwa 22/3/2018 bagasanga hari ibigo bifite umwanda ukabije,kubika mu bubiko ibiryo byarengeje igihe hamwe n'ibizima no kudakurikirana imikorere y'ikigo aribyo IWE na HVP Gatagara, Inama Njyanama ifashe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo No 170/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakora ubusesenguzi bwimbitse ku bigo byavuzwe mu igenzura rya komisiyo n'ibindi bigo, ahagaragaye amakosa ajyanye n'uburangare bw'ubuyobozi hagafatwa ibyemezo birimo no gutanga ibihano.*

Hashingiwe ku igenzura abajyanama bagize komisiyo y'iterambere y'imibereho myiza y'abaturage bakoze kuwa 22/3/2018 igasanga hari amavuriro gakondo atujuje ibisabwa agikora nyuma y'icyemezo cy'Inama Njyanama cyasabaga ko afungwa akabanza agahabwa ibyangombwa na Minisiteri y'ubuzima, nyuma kandi yo gusanga ko abaturage bakihahererwa serivise z'ubuvuzi, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo No 171/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yagenzura amavuriro agikora atujuje ibisabwa agafungirwa bitarenze ukwezi kwa Mata 2018 kandi abakozi b'Akarere batubahirije uwo mwanzuro bagasabwa ubusobanuro ku mpamvu zabibateye hubahirijwe amategeko.*

Hashingiwe ku nama ya komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage yagiranye n'abafatanyabikorwa muri JADF y'Akarere aho basanze mu karere hari Abafatanyabikorwa benshi kandi ibikorwa byabo bikaba byagira uruhare rugaragara mu guhindura ubuzima bw'abaturage baramutse bahawe umurongo. Inama Njyanama yafashe ibyemezo bikurikira;

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Icyemezo No 172/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yashyiraho uburyo aho buri mufatanyabikorwa ukorera mu Karere yajya asinyana imihigo y'ibyo azakora n'Umuyobozi w'Akarere buri mwaka kandi buri komisiyo y'Inama Njyanama ikajya ihura na komisiyo ya JADF bihuje inshingano buri gihembwe hakabaho isuzuma bikorwa ry'imishinga yabo ku iterambere ry'umuturage.*

Inama Njyanama imaze kugaragarizwa uko ikibazo cy'ibiyobyabwenge kifashe ku bantu bakuru no mu rubyiruko by'umwihariko, imaze gusesengura kandi impanuro z'umukuru w'igihugu ku biyobyabwenge mu rubyiruko n'ingaruka biteza, yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 173/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ifatanyije n'inzego zose z'ubuyobozi mu karere hashyirwaho ingamba zihamye zo guhana no gukumira ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge by'umwihariko mu rubyiruko bitarenze Gicurasi 2018.*

Inama Njyanama ishingiye kuri raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro by'umugenzuzi mukuru w'imali ya Leta y'umwaka wa 2015-2016 na raporo y'imyanzuro y'umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2016-2017 aho bigaragara ko hari ibitarashyizwe mu bikorwa/ibyakozwe nabi (queries) bitewe n'uburangare bwa bamwe mu bakozi b'Akarere, hafashwe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo No 174/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yajya ikora isesengura ikanasaba ubusobanuro mu nyandiko umukozi bigaragayeho ko yabigizemo uruhare kandi hagashyirwaho n'ingamba zituma bidasubira.*

Inama Njyanama imaze kugenzura imikorere y'inama y'ubutegetsi y'ibitaro nk'uko ishyirwaho n'Inama Njyanama, ishingiye kandi kumabwiriza ya Minisitiri w'ubuzima agena imikorere n'imikoranire ya serivisi z'ubuzima mu Karere yemeje ibi bikurikira;

**Icyemezo No 175/2018**

Inama Njyanama yafashe icyemezo cyo kuzuza umubare w'abagize inama y'ubuyobozi y'ibitaro bya Rwamagana hasimbuzwa abatakibarizwa/ abatagikorera mu Karere,bityo MUKAMAKUZA

Therese wari uhagarariye imiryango itari iya Leta (civil society) asimburwa na UMULISA Liliane mu nama y'ubuyobozi bw'ibitaro nk'umunyamuryango.

Inama Njyanama imaze kubona ko Komisiyo y'imiyoborere myiza yakoreye igikorwa cy'umuganda rusange wa nyuma w'ukwezi mu Murenge wa Nzige aho yifatanyije n'abaturage b'uwo Murenge, imaze kubona ko ari imwe mu nzira yo kwegera abaturage no kuganira nabo ku bibazo bitandukanye,hafashwe ibyemezo bikurikira;

**Icyemezo 176/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko biro y'Inama Njyanama ifatanyije na Komite Nyobozi bajya bategura uko buri Komisiyo yifatanya n'umwe mu Mirenge y'Akarere mu gikorwa cy'umuganda rimwe mu gihembwe, Komisiyo yasuye Umurenge kandi irasabwa kujya ireba n'ubuzima rusange bw'imibereho y'Umurenge: isuku, service charter, ibyemezo by'Inama Njyanama, ubwitabire bw'abakozi ku kazi n'imicungire yabo, ibi bikajya bitangirwa raporo mu nama y aba Perezida.*

Hashingiwe kuri raporo yagaragajwe n'itsinda rya komisiyo y'imali n'ubukungu ryakurikiranye ikibazo cya GASARABWE Vianney n'abo bakoranaga aribo; MWESIGYE John Patrick na NZITONDA Alex, aho igaragaza ibi bikurikira;

1. Nta bimenyetso bihari bigaragaza ko gasarabwe nabo bakoranaga aribo Nzitonda Alexis ko bigeze bagemura ibikoresho by'ubwubatsi mu mudugudu wa Kitazigurwa na Ntebe,
2. Ntihagaragara icyo ibikoresho bivugwa ko byagemuwe icyo byakoreshejwe naho byakoreshejwe mu murenge wa Muhazi.
3. kuba uwishyuza usanga ari GASARABWE Vianney ariko muri cashe itewe ku nyandiko yishyuza hakaba hagaragaramo ETS G.Vianney ifite registre de commerce No.RC:5114 bikaba bitera gushidikanya ukuri kwibikubiye muri dosiye,
4. hanashingiwe ku buhamya bwatanzwe n'ababajijwe aribo; MUSHISHI Emmanuel wahoze ari umucungamali wuwo murenge aho avuga ko atigeze amenya ibyibyo bikoresho kandi ariwe wari ushinzwe kwishyura,
5. Hanashingiwe kandi ku buhamya bwatanzwe na bamwe mu bakozi b'Umurenge bahari ubu nabo bavuga y'uko batazi icyo byakoreshejwe, bakavuga ko ibyakozwe ari ibinyoma.

Nyuma yokubyunguranaho ibitekerezo, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo No 177/2018**

*Inama Njyanama yemeje ko, Komite Nyobozi itakwishyura Bwana GASARABWE Vianney nkuko yari yabisabye ahubwo yakwihutira kumwandikira imumenyesha ko amasezerano y'ubwumvikane yagiranye n'Akarere tariki ya 25/08/2015 ateshejwe agaciro, ndetse igakurikirana mu buryo bwimbitse ikibazo cya Bwana GASARABWE Vianney na MWESIGYE John Patrick wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Muhazi icyo gihe hashingiwe ku bimenyetso byagaragajwe na komisiyo y'Imali n'Ubukungu y'Inama Njyanama ibyo byose bigakorwa mu buryo bwubahirije amategeko.*

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA

Hashingiwe ku myitwarire y'uwatsindiye kuburanira inyungu z'akarere mu nkiko aho bigaragara ko nta bucukumbuzi buhagije yakoze/akora mu manza aburanira Akarere bikakaba byaviramo Akrere gutsindwa hakaba nta n'ikizere gihari yuko n'izikiri mu nkiko Akarere kazazitsinda, Inama Njyanama ifashe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo no 178/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakurikirana iki kibazo muburyo bw'imbitse byagaragara ko atarengera inyungu z'Akarere nkuko biri mumasezerano hagaseswa amasezerano Akarere kagiranye nawe kandi bigakorwa habahirikijwe ibiteganywa n'amategeko.***

Hashingiwe ko amakuru ajyanye n'aho imisoro ituruka (tax payers Data Base) y'Akarere adahagije nkuko bigaragara hasi;

1. ipatante ari 8247
2. Umusoro ku mutungo utimukanwa 10
3. Umusoro ku nyungu z'ubukode 208
4. Iminara 3
5. Ubukode bw'ubutaka 6831
6. Ibyapa byamamaza 49

Nyuma kandi yo kungurana ibitekerezo ku bizanira akarere amafaranga bitandukanye hagakemangwa ubuziranenge bw' imibare igaragazwa n'Akarere aho bigaragara ko iri hasi cyane, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira;

**Icyemezo no 179/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko mbere yokwemeza target y'amafaranga azinjizwa n'Akarere (own revenues) mungengo y'imali y'umwaka, komite Nyobozi izajya itumiza inama irimo abo bireba bose kugira ngo hemerezwe hamwe ingamba zakwifashishwa kugira ngo amafaranga akarere kazingiza muri iyo ngengo y'imali yiyongere, ibi bikazakorwa uhereye ku mwaka w'ingengo y'Imali ya 2018/2019.***

| | |
|---|---|
| Umwanditsi w'inama | Umuyobozi w'inama |
| **VUZIMPUNDU Yvonne** | **KABAGAMBA Wilson** |
| Visi perezidante w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana | Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana |

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA Y'INAMA NJYANAMA YO KU WA 04/04/2018 YABEREYE MU CYUMBA CY'INAMA CY'INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

| NO | AMAZINA | UMURENGE | ISAHA AHAGEREYE | NOMERO YA TELEPHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 01 | BAKUNDA Célestin | RUGE | 9h00 | 0788750205 | [signature] |
| 02 | BUCYEYE Ignatienne | Musha | 8h30' | 0788426660 | [signature] |
| 03. | Kabagambe Godfrey | muhazi | 8h30' | 0785321322 | [signature] |
| 04 | KAGOYIRE Francine | Rubona | 9h00' | 0783585743 | [signature] |
| 05 | KARUGAHE Augustine | KIGABIRO | 9h00' | 0788460926 | [signature] |
| 06. | MBONYUMUVUNYI Radjab | Rubona | 8h30' | 0788764149 | [signature] |
| 07 | MUDAHERANWA Régis | NYAKARIRO | 11 | 0788353511 | [signature] |
| 08 | Ruhamana Vénne | Nzige | 9h00 | 0788640842 | [signature] |
| 09 | MULIGO Emmanuel | MUHAZI | 9h15 | 0788752915 | [signature] |
| 10. | MUNYANEZA Jean Baptiste | Munyaga | 09h00 | 0788448029 | [signature] |
| 11 | Musabyemariya Alphonsine | Munyaga | 8h30' | 0788352693 | [signature] |

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA Y'INAMA NJYANAMA YO KU WA 04/04/2018 YABEREYE MU CYUMBA CY'INAMA CY'INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

| NO | AMAZINA | UMURENGE | ISAHA AHAGEREYE | NOMERO YA TELEPHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| | Mutanabera Christine | Muhazi | 9h00' | 0783683260 | [signature] |
| | MUTESI Francine | MUHAZI | 9h00' | 0788357881 | [signature] |
| | Natete Angelique | Muhazi | 9h00' | 0788490808 | [signature] |
| | Nkikabalezi Abdonyuza GB | Muyumbu | 9h10' | 0788930368 | [signature] |
| | NTAKIRUTIMANA Christian | Karenge | 8h50' | 0788515358 | [signature] |
| | NUMUKOBWA Antoinette | MUNYAGA | 9h00' | 0783089177 | [signature] |
| | UMUTONIWABO Claudine | Fumbwe | 9h00' | 0788572555 | [signature] |
| | Valens UWAMEZU | Musha | 8h30' | 0788306496 | [signature] |
| | UMUTONI Jeanne | Gishari | 9h00' | 0788620520 | [signature] |
| | SEBAGABO Jules | Nyakariro | 9h00' | 0788302552 | [signature] |
| | RWIKUNABO LITAN Pierre | Muyumbu | 9h00' | 0788589647 | [signature] 4/4/18 |

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA Y'INAMA NJYANAMA YO KU WA 04/04/2018 YABEREYE MU CYUMBA CY'INAMA CY'INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

| NO | AMAZINA | UMURENGE | ISAHA AHAGEREYE | NOMERO YA TELEPHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| | RUGANZA R. Jules | GAHENGERI | 9h00 | 0785817180 | [signature] |
| | NYAMUTAMBA Celestin | Gishari | 9h00 | 0781535710 | [signature] |
| | KABAGAMBA Wilson | Murehe | 9h00 | 0788309392 | [signature] |
| | NUZIMPUNDU Yvonne | Munyiginya | 9h00 | 0788847517 | [signature] |
| | KAYIRANGA J Baptiste | Fumbwe | 8h00 | 0788671384 | [signature] |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |